

A Ubumana Bwe (Yohana 1:1–5).

- ❖ Yohana atangira atangaza ukuri shingiro kw'inyabune ku bijyanye na Jambo, ari We Yesu (Yohana 1:1–3):
 - Kubaho Kwe mbere yo kwigira umuntu (“mbere na mbere”)
 - Ubumwe afitanye na Se (“yahoranye n’Imana”)
 - Ubumana Bwe (“yari Imana”)
 - Ububasha Bwe bwo kurema (“Ibintu byose ni We wabiremye”)
- ❖ Igisa nko kunyuranya hagati y’izo mvugo zombi kiragaragara. Ese YAHORANYE n’Imana cyangwa YARI Imana?
- ❖ Reka dusesengure ikibonezamvugo cy’inyandiko y’Urugiriki:
 - “Inshinga “yahoranye” $\tau\omicron\nu\ \theta\epsilon\omicron\nu$ (Imana – hariho indangazina)”: Indangazina isobanura kanaka uzwi neza, witwa “Imana.” Yesu yahoranye n’Imana Data.
 - “ $\theta\epsilon\omicron\nu$ (Imana – nta ndangazina) yari Jambo”: Ahataraho indangazina, byerekeza ku gitekerezo. Itangaza kamere ya Yesu. Ni Imana. Mu buryo nk’ubwo, “yabaye $\sigma\alpha\rho\xi$ (umuntu)” (Yohana 1:14), naho nta ndangazina iriho, imvugo itangaza kamere muntu. Ni umuntu.

B Ubumuntu Bwe (Yohana 1:14a).

- ❖ Irindi jambo ry’Urugiriki tugomba kuzirikana ni iryo Yohana yakoresheje mu iriburiro avuga kuri Yesu: $\lambda\omicron\gamma\omicron\varsigma$. Ubusobanuro bwaryo ni: “Jambo.” Yesu ni Jambo. Irihe jambo?
- ❖ Interuro ibimburira izindi ubwayo itwibutsa amagambo abanza yo mu Itangiriro: “Mbere na mbere Imana yaremye” (Itangiriro 1:1). Nonese Imana yaremye ite? Ikoresheje ijambo (Itangiriro 1:3, 6, ...)
- ❖ Isezerano Rishya ryemeza inshuro nyinshi ko Yesu ari We waremye ibintu byose biriho. Ni we Jambo wahaye ibiri mu isanzure ishusho no kubaho (Yohana 1:3; Abakolosayi 1:16; Abaheburayo 1:2).
- ❖ Mu Isezerano rya Kera, Rurema yerekanye icyifuzo Cy’e kuba hagati muri twe (Kuva 25:8). Aha noneho, Rurema abikora mu buryo bw’umubiri. “Abāna” natwe (ijambo rivuga “akambika” cyangwa abāmba ihema Rye hagati yacu).
- ❖ Imana Ishoborabyose yavuye mu Ijuru ihinduka nk’ikiremwa kidafite imbaraga. Kuki? Kuko yakunze ibyo biremwa bidafite imbaraga (twe) ku buryo yashakaga kutubatura mu cyaha no kuduha kuzabana na We.

C Kwemerwa Kwe no kwangwa Kwe (Yohana 1:9–13).

- ❖ Mu ntangiriro, isi yari ikikijwe n’umwijima w’ibigaragara (Itangiriro 1:2). Nuko Imana–binyuze mu Ijambo ryayo–imurikira isi, itandukanya umucyo n’umwijima (Itangiriro 1:3–4).
- ❖ Noneho, Uwitwaga ubwe, muri Yesu (Jambo), yaje mu isi yari igoswe n’umwijima wo mu bya mwuka, kugira ngo ayimurikishirize umucyo We (Yohana 1:4–5).
- ❖ Ariko isi yaremye ntiyigeze imumenya, nta nubwo yashakaga kumurikirwa na We (Yohana 1:9–11).
- ❖ uru nziza nuko abantu bose bamwakiriye, ndetse natwe twese abamwemera uyu muni, aduha impano ihebuje: kuba abahungu n’abakobwa b’Imana (Yohana 1:12).
- ❖ Mu Butumwa Bwiza bwanditswe na Yohana, hagaragaramo amatsinda abiri manini: abemera Yesu n’abamwanga.
 - Abamwemera:
 - (1) Ntibacirwaho iteka (Yohana 3:18a)
 - (2) Baza mu mucyo (Yohana 3:21a)
 - (3) Imirimo yabo ikorerwa mu Mana (Yohana 3:21b)
 - (4) Bahindutse ababona (Yohana 9:39b)
 - (5) Baba abana b’umucyo kandi ntibagenda mu mwijima (Yohana 12:36a, 46)
 - Abamwanga:
 - (1) Baciriweho iteka (Yohana 3:18b)
 - (2) Ntibaza mu mucyo (Yohana 3:20a)
 - (3) Ntibashaka ko imirimo yabo ikeburwa (Yohana 3:20b)
 - (4) Babaye impumyi (Yohana 9:39c)
 - (5) Bazacirwaho iteka kubera kwanga Yesu kwabo (Yohana 12:48)

D Ubwiza Bwe (Yohana 1:14b).

- ❖ Ubwiza bwa Yesu ni iki?
 - Mbere ya byose, ubwiza (icyubahiro) yari asangiye na Se mbere yo kwigira umuntu, kandi yasubiranye nyuma yo gusubira mu ijuru Kwe (Yohana 17:5).
 - icya kabiri, ni icyubahiro cyo kuba umuntu. icyubahiro kitigeze gishimwa n’abantu icyo gihe, ariko cyatangariwe n’Ijuru (Yohana 1:14).
 - **Icy a gatatu, icyubahiro cy’umugaraba. Ku musaraba, Yesu agera ku cyubahiro Cy’e giheranije, kuko yerekanye nta shiti urukundo Imana ifitiye ibiremwa byayo byose** (Yohana 12:23–24).
- ❖ Ku musaraba, Data yubahirije Yesu, na Yesu yubahiriza Se (Yohana 17:1). Ubumana bwose bwagize uruhare mu gitambo giheranije cyatangiye umuntu (Yohana 3:16).